Repubulika y'u Rwanda
Akarere ka Rusizi

REL
Ruzizi III Energy Limited

# ITANGAZO RUSANGE RIREBA ABAZAGIRWAHO INGARUKA N'IBIKORWA BY'UMUSHINGA WO KUBAKA URUGOMERO RWA RUZIZI GATATU

**IMPAMVU: Itangazwa ry'itariki ntarengwa yo kwemeza Abazahabwa Ingurane n'Itangazwa ry'urutonde rw'abazahabwa ingurane kubera ibikorwa by'Umushinga wo Kubaka Urugomero rw'Amashanyarazi rwa Ruzizi III (Gatatu)**

Akarere ka Rusizi gafatanyije na Sosiyete Ruzizi III Energy Limited (REL), Sosiyete yashinzwe mu rwego rwo gutegura, kubaka no gukoresha urugomero rwa Ruzizi Gatatu rufite ubushobozi bwa Megawati Magana abiri n'esheshatu (206), baramenyesha abaturage n'abafatanyabikorwa bose ko hazatangazwa urutonde rw'abazahabwa ingurane kubera ibikorwa by'umushinga wa Ruzizi III ku ruhande rw'u Rwanda.

Iki gikorwa cy'itangazwa gishingiye ku bikorwa byo kubarura ubutaka n'imitungo byakozwe hagati ya Kamena na Nzeri 2025 hakurikijwe amategeko y'u Rwanda n'amahame mpuzamahanga agenga ibidukikije n'imibereho myiza y'abaturage (Environmental and social Standards).

## Itangazwa ry'Itariki Ntarengwa yo Kwemeza abazahabwa Ingurane (Cut-off Date)

Akarere ka Rusizi na Sosiyete REL, baramenyesha ko itariki ntarengwa yo kwemeza abazahabwa ingurane kubera kugirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga wa Ruzizi Gatatu ari **tariki 8 Kamena 2026**. Iyi tariki isobanura ko:

- Abaturage bafite ubutaka n'ibikorwa bizagirwaho ingaruka n'umushinga (PAPs) babaruwe kandi banditswe mbere y'itariki ntarengwa ni bo bonyine bamerewe ingurane.
- Abaturage bafite impungenge cg kutemeranywa n'ibyabaruwe, abo nibo bonyine bazemererwa gusubirirwamo ibarura. Ibibazo bakabinyuza mu buryo bwagenwe bwo gutanga ibibazo nk'uko bigaragara hasi.
- Imitungo yose y'igihe kirekire izatunganyirizwa ku butaka bwabaruwe nyuma y'itangazwa ry'itariki ntarengwa ntabwo izahabwa agaciro n'umushinga.

Ibi bigamije gutuma gahunda yo gutanga ingurane ikorwa mu mucyo no mu buryo buboneye ku bantu bose bazagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga wo kubaka urugomero rwa Ruzizi Gatatu.

Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Iburengerazuba
Akarere ka Rusizi

REL
Ruzizi III Energy Limited

## UBURYO BWO KUBONA AMAKURU

Itariki yo gutangaza urutonde rugaragaza abaturage babaruriwe ubutaka n'imitungo bizagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga, izamenyeshwa nyuma y'inama rusange izahuza abaturage bose bazagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga. Urutonde rukazaba rugaragara aha hakurikira:

- Ku biro by'Akagari ka Murya mu Murenge wa Nzahaha ndetse no ku Tugari twa Pera na Nyange mu Murenge wa Bugarama.
- Ku biro by'Imirenge ya Nzahaha na Bugarama.
- Ku cyicaro cy'Akarere ka Rusizi.

## Ibitekerezo no Kugaragaza Impugenge

REL irashishikariza abaturage bose bafite ubutaka n'ibikorwa bizagirwaho ingagruka n'ibikorwa by'umushinga wa Ruzizi Gatatu ndetse n'abafatanyabikorwa kuzasuzuma urutonde rwatangajwe no gutanga ibibazo, ibitekerezo cyangwa impungenge banyuze kuri:

- Abakozi ba REL bakorera mu Kagari ka Nyange, Umurenge wa Bugarama.
- Udusanduku tw'ibitekerezo dushyizwe ku biro by'Akagari ka Murya, Akagari ka Nyange, Umurenge wa Bugarama no ku Murenge wa Nzahaha.
- Imeyili: ESIA@ruzizienergy.com

REL ikomeje kwizeza abaturage n'abafatanyabikorwa ko ibikorwa byo gutanga ingurane ku baturage bafite ubutaka ndetse n'ibikorwa bizagirwaho ingaruka n'ibikorwa by'umushinga ko bizakorwa mu mucyo, mu buryo buboneye kandi bwubahiriza uburenganzira bw'abagizweho ingaruka hakurikijwe amategeko n'amahame mpuzamahanga.

**SINDAYIHEBA Phanuel**
**Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi**

**Mohsin Tahir**
**Umuyobozi w'Umushinga**

AKARERE KA RUSIZI

REL
Ruzizi III Energy Ltd